**REPUBLIC OF RWANDA**

**PRESIDENT AND C-i-C OF RDF**

**UBUTUMWA BW'AKABABARO KU MUNSI WO GUHEREKEZA LT GEN JACQUES MUSEMAKWELI**

**Kigali, kuwa 19 Gashyantare 2021**

- Muryango, Bavandimwe, Nshuti z'Umuryango wa Late Lt Gen MUSEMAKWELI
- Muryango Mugari w'ingabo za RDF
- Bayobozi b'inzego z'Umutekano n'iza Guverinoma

1. Mu izina ryanjye bwite, iry'Umuryango wanjye, niry'Umuryango mugari wa RDF, nifatanyije namwe kuri uyu munsi w'akababaro duherekeje mu cyubahiro, Gen MUSEMAKWELI.

2. Iki n'igihe cy'akababaro gakomeye, cyane cyane ku muryango wa Gen MUSEMAKWELI. Ni igihe kandi cy'akababaro kenshi ku muryango mugari wa RDF no ku Gihugu muri rusange, iyo twibutse ibihe bitandukanye twabanyemo na Gen MUSEMAKWELI, imirimo myiza n'ibigwi bye haba mu rugamba rwo kubohora Igihugu cyacu, ndetse n'urwo kugiteza imbere yaragikomeje kugeza aho atabarukiye.

3. Gen MUSEMAKWELI yakoreye Igihugu mu bwitange bukomeye, atizigama, atanga umusanzu, ibitekerezo n'imbaraga ze mu mirimo itandukanye no mu bihe bitandukanye. Kugeza aho atabarukiye, Gen MUSEMAKWELI yakoreye RDF mu nzego zayo nyinshi, zitandukanye. Izi nshingano yazihabwaga kubera ubushobozi no kuzuza indangagaciro zibereye RDF. Yaharaniraga iteka ko n'abandi basirikare bubahiriza izo ndangagaciro. Atabarutse Igihugu n'Umuryango twese tukimukeneye.

4. Icyo twazirikana ku munsi nk'uyu rero, ni ugukomeza umurage mwiza wo gukunda Igihugu no kugikorera byaranze Gen MUSEMAKWELI. Na none mu bihe nk'ibi, turizeza abana n'Umuryango wa hafi wa Gen MUSEMAKWELI ko Ubuyobozi bw'Igihugu, binyuze muri Ministeri y'Ingabo na RDF, buzakomeza kubaba hafi nk'uko amategeko abiteganya kandi bisanzwe mu muco wacu.

5. Nshoje nongera kubashimira kuba mwifatanyije n'Umuryango ndetse n'Ingabo za RDF muri rusange, mu gutabara Umuryango no guherekeza mu cyubahiro Gen MUSEMAKWELI. Mukomere kandi mukomeze kuba hafi y'Umuryango muri ibi bihe bitoroshye.

**IMANA IHE GENERAL MUSEMAKWELI KURUHUKIRA MU MAHORO.**